

**IJAMBO RY'UHAGARARIYE  
NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME, UMUYOBOZI  
WUNGIRIJE WA MBERE WA UNITY CLUB NTVARARUMURI:**

**GUTAHA KU MUGARAGARO URUGO IMPINGA NZIMA MU  
KARERE KA KAMONYI**

**Kayenzi Kuwa 21/12/2014**

Ba Nyakubahwa ba Ministers,

Nyakubahwa Governor,

Banyakubahwa bayobozi mwese muri hano,

Baturage b'Umurenge wa Kayenzi,

By'umwihariko babyeyi bacu, bageni bacu b'uyu muni,

Bagenzi banjye Banyamuryango ba Unity Club,

Muraho!

Munyemerere mbanze mbagezeho indamutso ya Nyakubahwa Madamu wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Madame Jeannette Kagame, akaba n'Umuyobozi mukuru wa Unity Club Intwararumuri, arabakunda cyane, abahoza ku mutima kandi arabifuriza ibyiza byinshi. Kuri aba babyeyi bacu yagize ati: " Muhumure babyeyi bacu turi kumwe namwe!"

Uyu munsu ni uw'ibyishimo bikomeye kuri twe, tukaba tuje kuwizihiza dushingiye ku nsanganyamatsiko igira iti: **"Impore Babyeyi, tubarere nk'uko mwatureze!"**

Iyi nsanganyamatsiko irahamagarira buri wese kumva ko iyi gahunda imureba mu buryo ubwo aribwo bwose. Twese dukomoka ku babyeyi kandi umubyeyi wese akwiye urukundo, ishema n'icyubahiro by'ababyeyi kuko nawe aba yarakoze inshingano ze neza. Ntabwo twarebera hari abababazwa n'amateka kandi hari icyo twakora.

Nk'uko tubizi twese ndetse n'abakiri bato barabibwirwa, Abanyarwanda twanyuze mu bihe bikomeye byatugejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994. Abanyarwanda barenga miliyoni bahasiga ubuzima, abandi basigarana ubumuga bwa burundu, abandi bajya ishyanga, abandi bagirwa incike kugeza ubwo basigara iheruheru nta n'urwara rwo kwishima.

Banyarwanda, bavandimwe mwese duteraniye hano, aya mateka ni ayacu nta wundi twayaharira, tugomba kuyakira uko ari ahubwo tukiyemeza ko atakongera kubaho ukundi, dukumira icyo aricyo cyose cyashaka kugarura umwiryane mu Banyarwanda.

Nyakubahwa Umukuru w'Igihugu cyacu yagize ati: **"Ntabwo dushobora guhindura amateka, ariko dushobora kugena ejo hacu hazaza heza, bitewe n'ibyo twahitamo"**. Iri jambo rya Nyakubahwa Umukuru w'Igihugu cyacu, ridukangurira twese abanyarwanda gufata iya mbere dushakisha ibisubizo by'ibibazo

byugarije umuryango Nyarwanda mu nzira iyo ariyo yose ishobora kubitugezaho, kuko ari igihango twagiranye n'Igihugu aribyo gukunda u Rwanda, Kururinda no Kuruteza imbere.

Ni muri urwo rwego nk'uko twabyumvise, umuryango AVEGA, ushingiyeye ku bushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2013, wicaye ugasesengura ibibabazo by'abanyamuryango bawo, by'umwihariko incike zigeze mu zabukuru zitagira kirengera, ngo babonerwe ubufasha bwihutirwa kubw'imibereho yabo itameze neza kuko muri bo harimo n'abafite ihungabana n'ubundi bumuga butandukanye bakomora kuri Jenoside, bakeneye gufashwa kugera kwa muganga no kubona imiti mu buryo bworoshye. Muri iryo sesengura havukamo igitekerezo cyo kubakira abo babyeyi inzu, bagahurizwa hamwe, bagakurwa mu bwigunge, bakabona ababafasha mu buzima bwabo bwa buri muni, aho guhora bari mu maganya adashira.

Mumfashe twongere dushimire umuryango Avega udahwema gukurikirana no gukorera ubuvugizi ibibazo byugarije abanyamuryango bawo. Turabashimira byinshi mwagiye mugeraho mu myaka ishize no kuba mukomeje kubahoza amarira barize nyuma yo kubura ababo kugeza magingo aya, nyamara namwe ariko mwari mugikeneye ababafata mu mugongo. Mukomeze ubwo butwari, natwe ntituzabatererana. Turabashimira kandi ko ikibazo mwacyiganye ubushishozi n'ubwitonzi, mugisha inama, mufata ingamba zikwiye z'ubu

buzima bushya mwinjijemo aba babyeyi, ndavuga kubirebana n'ibizabatunga n'ibizababeshaho byose muri iyi nzu. Ibyo byose mwabitekerejeho kandi mubifitiye igisubizo.

Unity Club dufatanyije n'Avega rero, uru rugo twaruhaye izina **IMPINGA NZIMA**, akaba ari kimwe mu bisubizo birambye mu kwita ku buzima bw'ababyeyi bagizwe incike na Jenocide yakorewe abatutsi muri 1994".

IMPINGA NZIMA, ni ijambo ry'ikinyarwanda risa nk'irizimije, risobanuye agasozi gatanga ubuzima, aho aba babyeyi bazaba bateraniye mu rugo rumwe, bakumva baguwe neza kandi basusurutse. Iyo tuvuga agasozi ntabwo tuba tuvuga ubutaka gusa ahubwo tuba tuvuga ko n'abagatuye ubwabo bafite ubuzima bwiza, abazaza babagana bazasanganizwa urugwiro ndetse n'amafunguro ntazahabura kuko bazaba bahasanga izo mfura za banyampinga.

Uyu munsu rero twaje hano mu Karere ka Kamonyi gushyikiriza ku mugaragaro uru rugo abayobozi ba AVEGA kugirango nabo burumurikire abagenerwabikorwa ku mugaragaro. Mwakoze cyane abo twafatanyije uwo muhango mu kanya kashize.

Twaje na none kugirango twese hamwe n'abafatanyabikorwa bacu, dusangire ibi byishimo by'uyu munsu utagira uk'usa, ku bw'iki gikorwa cy'agaciro gakomeye.

Dufatanyije na Avega, Impinga Nzima twiyemeje kuyiha agaciro ikwiye, tuyubakana urukundo n'icyubahiro, tuzirikana ko aba babyeyi bacu uyu muni bashoboraga kuba bafite abana bari kuba baranabakoreye yenda ibiruta aha.

Turashimira inzego n'abantu ku gititi cyabo bumvise ikibazo cy'ababyeyi bagizwe incike na Jenocide barimo ababyeyi nk'aba bari mu marembera y'ubuzima bakeneye kwitabwaho mu buryo bwihariye, bakakigira icyabo.

By'umwihariko munyemerere nshimire abafatanyabikorwa bose bagize uruhare rutagereranywa kugirango inzosi zacu zibe impamo, uyu muni tukaba turi hano dutaha ku mugaragaro iki gikorwa cy'indashyikirwa cy'urugo rw'ababyeyi bacu: "IMPINGA NZIMA-KAMONYI". Kuba inzu nk'iyi yubakwa mu mezi 5 n'igice gusa, nta rindi banga ni uko ntaho twatezwe n'amikoro! Nsabe mumfashe dushimire Rwanda Mountain Tea. Turashimira kandi namwe mwese mwiyeje kudutera ingabo mu bitugu aho tuzakomereza iki gikorwa, hari BRD, BRALIRWA, Cristal Ventures, RSSB, Diaspora Arusha, Banque Populaire du Rwanda, IRIBA center, WDA, NAEB, Kigali Investors company, BK, Ameki color, Rwanda Energy Group, Energy Development cooperation Ltd ndetse n'abandi bose biteguye kuza guhuza ingufu zabo n'izacu mu gukomeza iki gikorwa.

Birumvikana ko tutagera kuri ibi hatarimo uruhare rwa Leta yacu, akaba ariyo mpamvu dushimira cyane Minisiteri y'Ubutegetsi

bw'Igihugu n'Imibereho Myiza y'Abaturage n'iy'Uburinganire no guteza imbere Umuryango kubera politike n'ingamba zifte, zikaba zarashingiweho muri ino gahunda ya kubaka urugo "IMPINGA NZIMA" nk'igisubizo kirambye kuri aba babyeyi bagizwe incike na Jenocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Ni byiza yego igikorwa twacyizihije, ariko inzira iracyari ndende. Nk'uko imibare yagaragajwe, abagera kuri 169 nibo bakeneye ubufasha byihutirwa. Twasobanuriwe kandi ko nyuma y'iyi nyubako hari icyizere cyo kubakira abandi bagera kuri 40 mu mwaka utaha, bose hamwe n'aba ngaba bakaba ari 48, hakazaba hagikenewe gutuza abagera ku 121.

Ni ku by'iyi mpamvu dukomeje gusaba abafatanyabikorwa n'inzego zose zumva iki kibazo gukomeza kugira umutima wa kimuntu wo gufasha aba babyeyi, bakongera gushyiramo imbaraga, kugira ngo abatabarizwa badatambuka badahuye n'ayo mahirwe. Dukomeje kandi gushishikariza Abanyarwanda n'abaturarwanda Ibikorwa byose bijyanye n'iyi gahunda yo kubakira abo babyeyi harimo kubasura, kubamenyera ikibatunga kuri roho no ku mibiri, n'ibindi...tukabikora tuzirikana iteka iyi nsanganyamatsiko: "Impore Babyeyi, tubarere nk'uko mwatureze!"

Twifuza ko iyi gahunda yakwirakwizwa ahantu hose haba mu bigo by'amashuri, ibigo bya leta, abikorera kugirango buri wese ahabwe amahirwe yo gutanga inkunga ye uko umutima we

umwemeza kandi turushaho kuzirikana ko aba babyeyi ari abacu twese kandi ko dufite inshingano nk'Abanyarwanda yo kubungabunga ubuzima bwabo.

Ntabwo narangiza iri jambo ndashimiye n'abana baje kudufasha gususurutsa aba babyeyi. Muzakomeze murangwe n'imico myiza, murangwe n'ubupfura, murangwe n'urukundo, mujye mwibuka kuza gusura banyogokuru aba mubatetere, babacire imigani, bababwire amateka y'igihugu cyacu n'ibindi. Impano twabahaye ibabere icyimenyetso cy'ubufatanye n'uru rugo Impinga Nzima-Kamonyi. Baturage ba Kayenzi, by'umwihariko ab'umudugudu wa Munyegera wo mu kagari ka Bugarama, muzabere aba babyeyi abaturanyi beza, mubabere abana, mubabere incuti, ntibazabe mu bwigunge.

Ndangije mbifuriza umunsi mukuru wa Noheli n'Umwaka Mushya Muhire wa 2015, uzababere kandi umwaka w'impuhwe nyinshi no kuzirikana aba babyeyi bacu kugira ngo nabo bagire ubuzima buzira umuze.

**Impore babyeyi, tubarere nk'uko mwatureze!**

**Murakoze!**

**Muhorane Amahoro y'Imana!**